# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2025** Tariki 10- 17 Mutarama




**Football : Mukura VS n'Amagaju FC zakoze ibidasanzwe**

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo

P1 **Football :** Mukura VS n'Amagaju FC zakoze ibidasanzwe

P2 **Cycling:** Imyitozo ya Tour du Rwanda 2025 yaratangiye, hategurwa isiganwa ry'umunsi w'intwari

P2 **Tennis :** U Rwanda rugiye kwakira amarushanwa ya 'ATP Challenger 100 Tour'

P3 **Sitball:** Hasojwe imikino ya 1/2 ya Shampiyona

P4 **Athletics :** Hateganyijwe irushanwa rya 'National Cross-Country Championships'

P4 **Football :** Sitade Amahoro yashyizwemo VAR

1

# **Football :** Mukura VS n'Amagaju FC zakoze ibidasanzwe

Tariki ya 11 Mutarama 2025, kuri Sitade mpuzamahanga ya Huye, ikipe ya Mukura VS yahagaritse agahigo ka Rayon Sports yari imaze imikino 14 idatsindwa muri shampiyona, iyitsinda ibitego 2-1 ku munsi wa 15 wa shampiyona.

Ni mu gihe ku ya 12 Mutarama 2025, APR FC nayo yatsinzwe igitego 1-0 n'Amagaju FC, mu mukino wari uryoheye ijisho. Uyu mukino nawo ukaba warabereye kuri Sitade mpuzamahanga ya Huye.

Umunsi wa 15 wa shampiyona wasize izi kipe zakurikiranaga zizamutseho umwanya umwe, aho Mukura VS yari ku mwanya wa 8 yageze kuwa 7, naho Amagaju FC yari ku wa 9 igera ku wa 8.
Iyi mikino yombi ni yo yasoje imikino ibanza ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo. Biteganyijwe ko imikino yo kwishyura izatangira tariki 08 Gashyantare 2025.

**TABLE 2024-2025**

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | RAYON SPORTS | 15 | 19 | 36 |
| 2 | APR FC | 15 | 10 | 31 |
| 3 | AS KIGALI | 15 | 2 | 26 |
| 4 | POLICE FC | 15 | 6 | 23 |
| 5 | GORILLA FC | 15 | 6 | 23 |
| 6 | RUTSIRO FC | 15 | 3 | 21 |
| 7 | MUKURA VS | 15 | -2 | 21 |
| 8 | AMAGAJU FC | 15 | -4 | 21 |
| 9 | GASOGI UNITED | 15 | 1 | 20 |
| 10 | BUGESERA FC | 15 | -1 | 16 |
| 11 | MUSANZE FC | 15 | -2 | 16 |
| 12 | MARINE FC | 15 | -6 | 16 |
| 13 | ETINCELLES FC | 15 | -4 | 14 |
| 14 | MUHAZI UNITED | 15 | -5 | 13 |
| 15 | VISION FC | 15 | -7 | 12 |
| 16 | KIYOVU SPORTS | 15 | -16 | 12 |

StarTimes

@Rwanda Premier League @rwandapremierleague @rwandapremierleague












## **Cycling :** Imyitozo ya Tour du Rwanda 2025 yaratangiye, hategurwa isiganwa ry'umunsi w'intwari

Tariki ya 13 Mutarama 2025, ikipe ya Maystar n'iya Java Inovotec zageze kuri Africa Rising Cycling Center (ARCC), Ikigo cy'Iterambere ry'Umukino w'Amagare giherereye i Musanze, aho baje basanga ikipe y'u Rwanda mu myiteguro y'isiganwa rya Tour du Rwanda 2025.

Naho kuwa 14 Mutarama 2025, FERWACY yatangaje ko ku nshuro yaryo ya 5, isiganwa 'Heroes Cycling Race 2025' riteganijwe kuri uyu wa Gatandatu, tariki 18 Mutarama 2025.








## **Tennis :** U Rwanda rugiye kwakira amarushanwa ya 'ATP Challenger 100 Tour'

Ku wa 14 Mutarama 2025, Ishyirahamwe Nyarwanda ry'Umukino wa Tennis ryatangaje ko mu buryo budasubirwaho, u Rwanda rwamaze kwemererwa kuzakira "ATP Challenger 75 Tour" na "ATP Challenger 75 Tour". Ni nyuma y'uko mu 2024, u Rwanda rwakiriye Irushanwa Mpuzamahanga rya Tennis "ATP Challenger 50 Tour".

Aya marushanwa yose ateganyijwe kuzamara ibyumweru bibiri, guhera tariki ya 24 Gashyantare kugeza ku ya 1 Werurwe 2025 na tariki ya 3-9 Werurwe 2025.






# **Sitball:** Hasojwe imikino ya 1/2 ya Shampiyona

Kuwa 12 Mutarama 2025, muri Gymnase ya Komite y'Igihugu y'Imikino y'Abafite ubumuga (NPC Rwanda) i Remera, hasojwe imikino ya ½ ya Shampiyona ya Sitball mu bagabo n'abagore. Iyi mikino yari yitabiriwe n'amakipe 10 mu bagore n'andi 10 mu bagabo.

Iyi mikino ikaba yarasize hamenyekanye amakipe atanu ya mbere yabonye itike yo kuzakina imikino ya nyuma muri buri cyiciro, aho mu byiciro byombi, ikipe ya Musanze ari yo yitwaye neza kurusha izindi.













## **Athletics :** Hateganyijwe irushanwa rya 'National Cross-Country Championships'

Abasaga 400 biteguye kwitabira irushanwa rya 'National Cross-Country Championships' kuri uyu wa 18 Mutarama 2025.

Iri rushanwa ririmo ibice 5, ryitezweho kugaragaza abazahagararira u Rwanda muri 'World Cross- Country Championships' rizabera muri leta ya Florida yo muri Leta Zunze Ubumwe za America kuwa 10 Mutarama 2026





## **Football :** Sitade Amahoro yashyizwemo VAR

Kuwa 14 Mutarama 2025, Sitade Amahoro yagejejwemo ibikoresho by'ikoranabuhanga ryifashishwa mu misifurire "Video Assistant Referee- VAR".

Isuzuma ry'iri koranabuhanga riteganyijwe muri Gashyantare. Ni mu gihe hateganyijwe no kongeramo uburyo bwo gufata amashusho buzwi nka Spider Camera.






RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave